A Abayuda n'Abasamariya:

- **Amateka y'Abasamariya. Yohana 4:1–7.**
  - Kugira ngo Yesu akumire amakimbirane hagati y'abigishwa ba Yohana n'abe, yahisemo kuva i Yudaya akajya i Galilaya, anyura mu karere ka Samariya (Yohana 4:1–4).
  - Yesu ari mu nzira, ahagarara nko ku kirometero kimwe n'igice uvuye i Sukara, bugufi bw'igikingi Yakobo yahaye umwana we Yosefu (Yohana 4:5; Itangiriro 33:18–19; Yosuwa 24:32). Yesu ahageze yicaye ku iriba rya Yakobo. Byari saa sita, igihe cy'ubushyuhe bwinshi (Yohana 4:6).
  - Mu gihe abigishwa bajyaga kugura ibyokurya, Umusamariyakazi aza ku iriba kuvoma amazi. Ku manywa y'ihangu, igihe cy'ubushyuhe bwinshi? Yihishaga abandi, ntiyashakaga ko hari umubona cyangwa guhūra n'abandi bagore, bajyaga kuvoma amazi mu gitondo cyangwa nimugoroba (Yohana 4:7–8).
  - Urwikekwe rwakujijwe mu binyejana byinshi by'amateka rwabuzaga abagore kuvugana n'Umuyuda cyangwa kumuha amazi.
  - Ni izihe nzitizi cyanwa urwikekwe biri mu muco wanyu zishobora kubangamira guhamiriza abandi kwawe? Ni gute ushobora kubirenga?
- **Umusamariyakazi n'Umuyuda ufite inyota. Yohana 4:7–14.**
  - Kubera ko umugore atashakaga kwinjira mu biganiro, Yesu yahisemo gukoresha ubundi buryo, asaba ubufasha: "Mpa utuzi two kunywa" (Yohana 4:7).
  - Mu kumusubiza, Umusamariyakazi amwibutsa impamvu ebyiri zagombye kubuza Yesu kumusaba ubufasha, ndetse no kumuvugisha: yari umugore kandi w'Umusamariyakazi (Yohana 4:9).
  - Nibura yari yashoboye gutangiza ikiganiro. Kimwe n'uko Yesu yagenje Nikodemo, yahise arasa ku ntego: "Ndi umuntu udasanzwe, kandi nshobora kuguha amazi yo kukumara inyota burundu" (Yohana 4:10).
  - Nka Nikodemo, Umusamariyakazi yitaga ku gusobanura amagambo Ye nk'imvugo isanzwe (Yohana 4:11–12). Yesu yakongeje muri we icyifuzo cyo kubona ayo mazi y'ubugingo (Yohana 4:13–15).
  - Ese ufite inyota y'amazi amara inyota y'ubugingo bwawe? Yesu ayatangira ubuntu (Ibyahishuwe 21:6).

B Abasamariya bemera Umukiza:

- **Kunyoterwa amazi y'ubugingo. Yohana 4:15–16.**
  - Yesu abonye uwo mugore ahugūkiye kumwumva, ntiyasubije mu buryo butaziguye icyifuzo cye. Niba yarashakaga amazi y'ubugingo, yagombaga kuzana "umugabo" we (Yohana 4:16).
  - Bitunguranye, ibyaha bye byose byamugarutse mu mutwe.
  - Ubyifatamo ute iyo Imana ikwibukije icyaha cyawe? Urabyirengagiza, cyangwa ubisuka imbere Ye ngo ubabarirwe?
- **Kwigerera ku Mukiza. Yohana 4:17–26.**
  - Igisubizo cya mbere cyari ukwigira nyoni-nyinshi: "Nta mugabo mfite" (Yohana 4:17). Ariko Yesu yamweretse ko azi imibereho ye yo mu ibanga. Nuko uwo mugore amenya ko ari Umuhanuzi (Yohana 4:17–19).
  - Ku nshuro ya kabiri, uyu mugore yagerageje kwirinda kuvuga icyaha cye, bituma Yesu azana ikiganiro cy'iby'iyobokamna, niba bagomba gusengera mu rusengero i Yerusalemu, cyangwa ku matongo y'urusengero rwo ku musozi wa Gerizimu (Yohana 4:20).
  - Yesu yamutwaye gahoro, asubiza ikibazo cye maze amuyobora ku gufata umwanzuro wo gusenga Imana mu kuri (Yohana 4:21–24) .
  - Noneho, Umusamariyakazi yasobanuje Yesu ibyamutsikaga intekerezo: Yaba ari umuhanuzi, cyangwa Mesiya wari utegerejwe? (Yohana 4:25). Ni we mugore wenyine wumvise Yesu avuga ko ari Kristo, Mesiya wari utegerejwe (Yohana 4:26).
  - Ni gute wigereye kuri Kristo ukamwemera nk'Umukiza wawe?
- **Kwamamaza Umukiza. Yohana 4:27–42.**
  - Ukugaruka kw'abigishwa kwarogoye ikiganiro. Umugore, yuzuye umunezero, yibagiwe ikibindi cye cy'amazi (impamvu yamujyanye ku iriba) asubira i Sukara (Yohana 4:27–28).
  - Yesu nk'uwari uzi ibyajyaga gukurikiraho, yateguye abigishwa Be. Yabanje kubereka ko hari ikintu gishimishije kuruta ibyokurya by'umubiri: ibyishimo byo kumenyesha abandi agakiza (Yohana 4:31–34).
  - Akurikizaho kubabwira ko bagiye gusarura ibyo abandi babibye (Yohana 4:35–38). Umugore yatanze ubuhamya bwe abiba imbuto (Yohana 4:29–30, 39). Yesu yarayuhiye maze yeza ibisarurwa (Yohana 4:40–42).
  - Ubuhamya bw'umuntu ku giti cye ni imbuto nziza dushobora kubiba mu mitima y'abantu. Ubuhamya bwawe ku bijyanye n'ibyo Yesu yakoze mu mibereho yawe, bufite mbaraga ki?